

<p><b>ITEKA RYA PEREZIDA N° 113/01 RYO KU WA 01/11/2019 RISHYIRAHO SITATI YIHARIYE IGENGA ABAKOZI MU BY'UBUBANYI N'AMAHANGA</b></p>	<p><b>PRESIDENTIAL ORDER N° 113/01 OF 01/11/2019 ESTABLISHING SPECIAL STATUTES GOVERNING DIPLOMATIC OFFICERS</b></p>	<p><b>ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 113/01 DU 01/11/2019 PORTANT STATUT PARTICULIER DES AGENTS DIPLOMATIQUES</b></p>
<p><b><u>ISHAKIRO</u></b></p>	<p><b><u>TABLE OF CONTENTS</u></b></p>	<p><b><u>TABLE DES MATIÈRES</u></b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije</u></b></p>	<p><b><u>Article One: Purpose of this Order</u></b></p>	<p><b><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 2: Abarebwa n'iri teka</u></b></p>	<p><b><u>Article 2: Scope of application</u></b></p>	<p><b><u>Article 2: Champ d'application</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 3: Abakozi batagengwa n'iri teka</u></b></p>	<p><b><u>Article 3: Officers not governed by this Order</u></b></p>	<p><b><u>Article 3: Agents non régis par le présent arrêté</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 4: Ibisobanuro by'amagambo</u></b></p>	<p><b><u>Article 4: Definitions</u></b></p>	<p><b><u>Article 4: Définitions</u></b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA II: UMWUGA MU BY'UBUBANYI N'AMAHANGA</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER II: DIPLOMATIC CAREER</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE II: CARRIÈRE DIPLOMATIQUE</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 5: Intera mu by'ububanyi n'amahanga</u></b></p>	<p><b><u>Article 5: Diplomatic grades</u></b></p>	<p><b><u>Article 5: Grades diplomatiques</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 6: Iyubakwa ry'umwuga mu by'ububanyi n'amahanga</u></b></p>	<p><b><u>Article 6: Diplomatic career building</u></b></p>	<p><b><u>Article 6: Construire la carrière diplomatique</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 7: Uburyo bwo gushaka umukozi mu by'ububanyi n'amahanga</u></b></p>	<p><b><u>Article 7: Modalities for recruitment of a diplomatic officer</u></b></p>	<p><b><u>Article 7: Modalités de recrutement d'un agent diplomatique</u></b></p>

<p><b><u>Ingingo ya 8:</u></b> Gushyira mu mwanya umukozi mu by'ububanyi n'amahanga</p>	<p><b><u>Article 8:</u></b> Appointment of a diplomatic officer</p>	<p><b><u>Article 8:</u></b> Affectation d'un agent diplomatique</p>
<p><b><u>Ingingo ya 9:</u></b> Gushyira mu mwanya Ambasaderi muri Minisiteri</p>	<p><b><u>Article 9:</u></b> Appointment of an Ambassador to the Ministry</p>	<p><b><u>Article 9:</u></b> Affectation d'un Ambassadeur au Ministère</p>
<p><b><u>Ingingo ya 10:</u></b> Amahugurwa y'ibanze y'umukozi mu by'ububanyi n'amahanga</p>	<p><b><u>Article 10:</u></b> Basic training of a diplomatic officer</p>	<p><b><u>Article 10:</u></b> Formation de base d'un agent diplomatique</p>
<p><b><u>Ingingo ya 11:</u></b> Izamurwa mu ntera ry'umukozi mu by'ububanyi n'amahanga</p>	<p><b><u>Article 11:</u></b> Promotion of a diplomatic officer</p>	<p><b><u>Article 11:</u></b> Promotion d'un agent diplomatique</p>
<p><b><u>Ingingo ya 12:</u></b> Isimburana</p>	<p><b><u>Article 12:</u></b> Rotation</p>	<p><b><u>Article 12:</u></b> Rotation</p>
<p><b><u>Ingingo ya 13:</u></b> Guhamagaza umukozi mu by'ububanyi n'amahanga</p>	<p><b><u>Article 13:</u></b> Recall of a diplomatic officer</p>	<p><b><u>Article 13:</u></b> Rappel d'un agent diplomatique</p>
<p><b>UMUTWE WA III: UBURENGANZIRA BW'UMUKOZI MU BY'UBUBANYI N'AMAHANGA</b></p>	<p><b>CHAPTER III: RIGHTS OF A DIPLOMATIC OFFICER</b></p>	<p><b>CHAPITRE III: DROITS D'UN AGENT DIPLOMATIQUE</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 14:</u></b> Umushahara</p>	<p><b><u>Article 14:</u></b> Salaries</p>	<p><b><u>Article 14:</u></b> Salaire</p>
<p><b><u>Ingingo ya 15:</u></b> Amasaha y'akazi</p>	<p><b><u>Article 15:</u></b> Working hours</p>	<p><b><u>Article 15:</u></b> Heures de travail</p>
<p><b><u>Ingingo ya 16:</u></b> Iminsi y'ikiruhuko rusange</p>	<p><b><u>Article 16:</u></b> Official public holidays</p>	<p><b><u>Article 16:</u></b> Jours fériés officiels</p>
<p><b><u>Ingingo ya 17:</u></b> Ikiruhuko cy'umwaka</p>	<p><b><u>Article 17:</u></b> Annual leave</p>	<p><b><u>Article 17:</u></b> Congé annuel</p>
<p><b><u>Ingingo ya 18:</u></b> Ikiruhuko ngarurambaraga</p>	<p><b><u>Article 18:</u></b> Reconstitution leave</p>	<p><b><u>Article 18:</u></b> Congé de reconstitution</p>

<p><b><u>Ingingo ya 19:</u> Ikiruhuko cy'ingoboka</b></p> <p><b>UMUTWE WA IV: UBUTUMWA BW'AKAZI BW'UMUKOZI MU BY'UBUBANYI N'AMAHANGA WASHYIZWE MU BIRO BY'UBUBANYI N'AMAHANGA</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 20:</u> Isabwa ry'uruhushya rw'ubutumwa bw'akazi</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 21:</u> Ibyicaró mu ndege</b></p> <p><b>UMUTWE WA V: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 22:</u> Ibiateganyijwe muri iri teka</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 23:</u> Intera n'isimburana by'abakozi mu by'ububanyi n'amahanga ku munsu iri teka ritangiye gukurikizwa</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 24:</u> Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 25:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 26:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</b></p>	<p><b><u>Article 19:</u> Incidental leave</b></p> <p><b>CHAPTER IV: OFFICIAL MISSIONS FOR DIPLOMATIC OFFICERS APPOINTED IN A DIPLOMATIC MISSION</b></p> <p><b><u>Article 20:</u> Application for authorisation for official mission</b></p> <p><b><u>Article 21:</u> Travel aviation classes</b></p> <p><b>CHAPTER V: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</b></p> <p><b><u>Article 22:</u> Matters not provided for under this Order</b></p> <p><b><u>Article 23:</u> Grades and rotation of diplomatic officers on the commencement date of this Order</b></p> <p><b><u>Article 24:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order</b></p> <p><b><u>Article 25:</u> Repealing provision</b></p> <p><b><u>Article 26:</u> Commencement</b></p>	<p><b><u>Article 19:</u> Congé de circonstance</b></p> <p><b>CHAPITRE IV: MISSIONS OFFICIELLES DES AGENTS DIPLOMATIQUES AFFECTÉS DANS UNE MISSION DIPLOMATIQUE</b></p> <p><b><u>Article 20:</u> Demande d'autorisation de mission officielle</b></p> <p><b><u>Article 21:</u> Classes de voyage en avion</b></p> <p><b>CHAPITRE V: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES</b></p> <p><b><u>Article 22:</u> Matières non prévues par le présent arrêté</b></p> <p><b><u>Article 23:</u> Grades et rotation des agents diplomatiques le jour de l'entrée en vigueur du présent arrêté</b></p> <p><b><u>Article 24:</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</b></p> <p><b><u>Article 25:</u> Disposition abrogatoire</b></p> <p><b><u>Article 26:</u> Entrée en vigueur</b></p>
--	--	--

<p><b>ITEKA RYA PEREZIDA N° 113/01 RYO KU WA 01/11/2019 RISHYIRAHO SITATI YIHARIYE IGENGA ABAKOZI MU BY'UBUBANYI N'AMAHANGA</b></p> <p><b>Twebwe, KAGAME Paul,</b> Perezida wa Repubulika;</p> <p>Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 111, iya 112, iya 120, iya 122 n'ya 176;</p> <p>Dushingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 2;</p> <p>Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri, yateranye ku wa 24/06/2019, imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p><b>TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:</b></p>	<p><b>PRESIDENTIAL ORDER N° 113/01 OF 01/11/2019 ESTABLISHING SPECIAL STATUTES GOVERNING DIPLOMATIC OFFICERS</b></p> <p><b>We, KAGAME Paul,</b> President of the Republic;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 111, 112, 120, 122 and 176;</p> <p>Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service, especially in Article 2;</p> <p>On proposal by the Minister of Public Service and Labour;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 24/06/2019;</p> <p><b>HAVE ORDERED AND ORDER:</b></p>	<p><b>ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 113/01 DU 01/11/2019 PORTANT STATUT PARTICULIER DES AGENTS DIPLOMATIQUES</b></p> <p><b>Nous, KAGAME Paul,</b> Président de la République;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 111, 112, 120, 122 et 176;</p> <p>Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique, spécialement en son article 2;</p> <p>Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 24/06/2019;</p> <p><b>AVONS ARRÊTÉ ET ARRÊTONS:</b></p>
--	--	---

<p><b>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</b></p> <p><b><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></b></p> <p>Iri teka rishyiraho sitati yihariye igenga abakozi bakora mu by'ububanyi n'amahanga.</p> <p><b><u>Ingingo ya 2: Abarebwa n'iri teka</u></b></p> <p>Iri teka rireba abakozi mu by'ububanyi n'amahanga.</p> <p><b><u>Ingingo ya 3: Abakozi batagengwa n'iri teka</u></b></p> <p>Iri teka ntirigenga abakozi bakurikira:</p> <p>1° abakozi bakora mu by'ubutegetsi n'abunganira bakorera ku cyicaro bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta;</p> <p>2° abakozi mu by'ububanyi n'amahanga bakorera ku cyicaro n'abakorera mu biro by'ububanyi n'amahanga bakora ku masezerano y'umurimo.</p>	<p><b>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</b></p> <p><b><u>Article One: Purpose of this Order</u></b></p> <p>This Order establishes special statutes governing diplomatic officers.</p> <p><b><u>Article 2: Scope of application</u></b></p> <p>This Order applies to diplomatic officers.</p> <p><b><u>Article 3: Officers not governed by this Order</u></b></p> <p>This Order does not apply to the following officers:</p> <p>1° administrative and support staff to the headquarters, governed by the general statutes for public service;</p> <p>2° diplomatic officers appointed to the headquarters and to diplomatic missions employed on contract basis.</p>	<p><b>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</b></p> <p><b><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></b></p> <p>Le présent arrêté établit le statut particulier des agents diplomatiques.</p> <p><b><u>Article 2: Champ d'application</u></b></p> <p>Le présent arrêté s'applique aux agents diplomatiques.</p> <p><b><u>Article 3: Agents non régis par le présent arrêté</u></b></p> <p>Le présent arrêté ne s'applique pas aux agents suivants:</p> <p>1° le personnel administratif et d'appui affectés au siège, régis par le statut général de la fonction publique;</p> <p>2° les agents diplomatiques, sous contrat, affectés au siège et dans les missions diplomatiques.</p>
--	--	--

<p>Abakozi mu by'ububanyi n'amahanga bakorera ku cyicaro bakora ku masezerano y'umurimo bagengwa n'itegeko rigenga umurimo mu Rwanda.</p> <p>Abakozi mu by'ububanyi n'amahanga bakorera mu biro by'ububanyi n'amahanga bakora ku masezerano y'umurimo bagengwa n'amategeko y'igihugu bakoreramo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 4: Ibisobanuro by'amagambo</u></b></p> <p>Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:</p> <p>1° <b>Minisiteri:</b> Minisiteri ifite ububanyi n'amahanga mu nshingano zayo;</p> <p>2° <b>Minisitiri:</b> Minisitiri ufite ububanyi n'amahanga mu nshingano ze;</p> <p>3° <b>icyicaro:</b> ibiro bikuru bya Minisiteri mu Rwanda;</p> <p>4° <b>ibiro by'ububanyi n'amahanga:</b> Ambasade, Komisariya Nkuru, Ibiro by'Intumwa Ihoraho, Ibiro bya Dipolomasi, Ibiro by'Uhagarariye Inyungu z'u Rwanda n'Ibiro by'Umuhuza w'Ibikorwa bya Repbulika y'u Rwanda;</p>	<p>Diplomatic officers appointed to the headquarters employed on contract basis are governed by the law regulating labour in Rwanda.</p> <p>Diplomatic officers appointed in diplomatic missions employed on contract basis are governed by the law of the host country.</p> <p><b><u>Article 4: Definitions</u></b></p> <p>In this Order, the following terms have the following meaning:</p> <p>1° <b>Ministry:</b> Ministry in charge of foreign affairs;</p> <p>2° <b>Minister:</b> Minister in charge of foreign affairs;</p> <p>3° <b>headquarters:</b> main office of the Ministry in Rwanda;</p> <p>4° <b>diplomatic mission:</b> Embassy, High Commission, Permanent Mission, Diplomatic Office, General Consulate and Liaison Office of the Republic of Rwanda;</p>	<p>Les agents diplomatiques, sous contrat, affectés au siège sont régis par la loi portant réglementation du travail au Rwanda.</p> <p>Les agents diplomatiques, sous contrat, affectés dans les missions diplomatiques sont régis par la législation du pays hôte.</p> <p><b><u>Article 4: Définitions</u></b></p> <p>Aux fins du présent arrêté, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:</p> <p>1° <b>Ministère:</b> Ministère ayant les affaires étrangères dans ses attributions;</p> <p>2° <b>Ministre:</b> Ministre ayant les affaires étrangères dans ses attributions;</p> <p>3° <b>siège:</b> bureau principal du Ministère au Rwanda;</p> <p>4° <b>mission diplomatique:</b> Ambassade, Haut-Commissariat, Mission Permanente, Antenne Diplomatique, Consulat Général et Bureau de Liaison de la République du Rwanda;</p>
---	---	---

<p>5° <b>umuyobozi w'ibiro by'ububanyi n'amahanga:</b> Ambasaderi, Komiseri Mukuru, Intumwa Ihoraho, Ushinzwe Imirimo, Uhagarariye Inyungu z'u Rwanda, cyangwa Umuhuza w'Ibikorwa mu biro by'ububanyi n'amahanga;</p> <p>6° <b>umukozi mu by'ububanyi n'amahanga:</b> umukozi wa Leta ushinzwe gukora no guhuza imirimo yerekeye ububanyi n'amahanga n'ubutwererane ku rwego rw'igihugu n'ikindi, ku rwego rw'akarere no ku rwego rw'ubufatanye n'imiryango mpuzamahanga, ukorera ku cyicaro cyangwa mu biro by'ububanyi n'amahanga;</p> <p>7° <b>ifasi:</b> ibihugu cyangwa imiryango mpuzamahanga umuyobozi w'ibiro by'ububanyi n'amahanga ahagarariyemo u Rwanda;</p> <p>8° <b>umukozi ukora mu by'ubutegetsi n'uwunganira:</b> umukozi wa Minisiteri ukora mu mashami ashinzwe ubutegetsi cyangwa yunganira, n'umukozi ukora imirimo y'ubutegetsi n'iyunganira;</p>	<p>5° <b>head of diplomatic mission:</b> Ambassador, High Commissioner, Permanent Representative, Chargé d'Affaires, General Consul, or Liaison Officer in a diplomatic mission;</p> <p>6° <b>diplomatic officer:</b> public servant responsible for conducting and coordinating international relations and cooperation at bilateral, regional and multilateral levels, who works at the headquarters or in a diplomatic mission;</p> <p>7° <b>area of jurisdiction:</b> countries or international organisations in which a head of diplomatic mission is officially accredited to;</p> <p>8° <b>administrative and support officer:</b> a public servant of the Ministry working in administrative or support units and that who performs administrative or support activities;</p>	<p>5° <b>chef de mission diplomatique:</b> Ambassadeur, Haut-Commissaire, Représentant Permanent, Chargé d'Affaires, Consul Général, ou Agent de liaison dans une mission diplomatique;</p> <p>6° <b>agent diplomatique:</b> agent de l'État responsable de la conduite et de la coordination des relations internationales et de la coopération au niveau bilatéral, régional et multilatéral, et qui travaille au siège ou dans une mission diplomatique;</p> <p>7° <b>jurisdiction:</b> pays ou organisations internationales auprès desquels un chef de mission diplomatique est officiellement accrédité;</p> <p>8° <b>agent administratif et d'appui:</b> agent du Ministère qui travaille dans des unités administratives ou d'appui et celui qui exécute des tâches administratives ou d'appui;</p>
---	--	---

<p>9° <b>isimburana:</b> uburyo abakozi mu by'ububanyi n'amahanga bimurwa ku myanya y'imirimo nyuma y'igihe giteganywa n'iri teka, bava ku cyicaro bajya mu biro by'ububanyi n'amahanga cyangwa bava mu biro by'ububanyi n'amahanga bajya ku cyicaro cyangwa mu bindi biro by'ububanyi n'amahanga;</p> <p>10° <b>Ambasaderi w'umwuga:</b> umukozi mu by'ububanyi n'amahanga uri ku ntera ya Ambasaderi, washatswe kandi akazamurwa mu ntera hakurikijwe iri teka;</p> <p>11° <b>Ambasaderi utari uw'umwuga:</b> umuntu uvuye hanze ya Minisiteri washyizwe ku ntera ya Ambasaderi n'umuyobozi ubifitiye ububasha.</p> <p>12° <b>guhama gaza umukozi mu by'ububanyi n'amahanga:</b> kugarura ku cyicaro umukozi mu by'ububanyi n'amahanga wakoreraga mu biro by'ububanyi n'amahanga;</p>	<p>9° <b>rotation:</b> way in which diplomatic officers are periodically transferred to other job positions as provided for by this Order, from the headquarters to diplomatic missions or vice versa, or from a diplomatic mission to another;</p> <p>10° <b>career Ambassador:</b> diplomatic officer of the grade of Ambassador who was recruited and promoted in accordance with this order.</p> <p>11° <b>non-career Ambassador:</b> person outside the Ministry who was appointed at the grade of Ambassador by the competent authority.</p> <p>12° <b>recalling a diplomatic officer:</b> to return to the headquarters a diplomatic officer who was working in a diplomatic mission;</p>	<p>9° <b>rotation:</b> façon selon laquelle des agents diplomatiques sont périodiquement mutés à d'autres postes d'emploi tel que prévu par le présent arrêté, du siège aux missions diplomatiques ou vice-versa ou d'une mission diplomatique à une autre;</p> <p>10° <b>Ambassadeur de carrière:</b> agent diplomatique ayant le grade d'Ambassadeur, qui a été recruté et promu conformément au présent arrêté.</p> <p>11° <b>Ambassadeur hors carrière:</b> personne extérieure au Ministère ayant été nommée au grade d'Ambassadeur par l'autorité compétente;</p> <p>12° <b>rappeler un agent diplomatique:</b> faire revenir au siège un agent diplomatique qui travaillait dans une mission diplomatique;</p>
---	--	---



<p><b>13° umuntu umukozi mu by'ububanyi n'amahanga ashinzwe:</b></p> <p>a. uwo bashakanye;</p> <p>b. umwana we uri muni y'imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko cyangwa muni y'imyaka makumyabiri n'itanu (25) y'amavuko iyo akiga kandi atarashyingirwa;</p> <p>c. umwana yemeye uri muni y'imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko cyangwa muni y'imyaka makumyabiri n'itanu (25) y'amavuko iyo akiga kandi atarashyingirwa;</p> <p>d. umwana abereye umubyeyi ataramubyaye uri muni y'imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko cyangwa muni y'imyaka makumyabiri n'itanu (25) y'amavuko iyo akiga kandi atarashyingirwa;</p> <p>e. umwana we, uwo yemeye cyangwa uwo abereye umubyeyi ataramubyaye ufite ubumuga bwo ku mubiri cyangwa bwo mu mutwe hatitawe ku myaka afite,</p>	<p><b>13° dependent of a diplomatic officer:</b></p> <p>a. his or her spouse;</p> <p>b. his or her legitimate child under twenty-one (21) years old or under twenty-five (25) years old if the child is pursuing education and is still single;</p> <p>c. his or her recognised child under twenty-one (21) years old or under twenty-five (25) years old if the child is pursuing education and is still single;</p> <p>d. his or her adoptive child under twenty-one (21) years old or under twenty-five (25) years old if the child is pursuing education and is still single;</p> <p>e. his or her legitimate, recognised or adoptive child who is physically or mentally disabled regardless of his or her age, with</p>	<p><b>13° personne à charge d'un agent diplomatique:</b></p> <p>a. son conjoint;</p> <p>b. son enfant légitime âgé de moins de vingt-et-un (21) ans ou âgé de moins de vingt-cinq (25) ans s'il poursuit ses études et est célibataire;</p> <p>c. son enfant reconnu âgé de moins de vingt-et-un (21) ans ou âgé de moins de vingt-cinq (25) ans s'il poursuit ses études et est célibataire;</p> <p>d. son enfant adoptif âgé de moins de vingt-et-un (21) ans ou âgé de moins de vingt-cinq (25) ans s'il poursuit ses études et est célibataire;</p> <p>e. son enfant légitime, reconnu ou adoptif handicapé physiquement ou mentalement sans tenir compte de son âge, sans revenus</p>
---	---	--

<p>udafite icyo akora kimwinjiriza umutungo kandi adashobora kwibeshaho ubwe.</p> <p><b>UMUTWE WA II: UMWUGA MU BY'UBUBANYI N'AMAHANGA</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 5: Intera mu by'ububanyi n'amahanga</u></b></p> <p>Intera mu by'ububanyi n'amahanga, kuva ku yo hasi kugeza ku yo hejuru, ni izi zikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>1° <i>Attaché</i> muri Dipolomasi;</li> <li>2° Umunyamabanga wa Gatatu;</li> <li>3° Umunyamabanga wa Kabiri;</li> <li>4° Umunyamabanga wa Mbere;</li> <li>5° Umujyanama wa Kabiri;</li> <li>6° Umujyanama wa Mbere;</li> <li>7° Minisitiri Umujyanama;</li> <li>8° Ambasaderi.</li> </ul>	<p>no own income and unable to earn his or her living.</p> <p><b>CHAPTER II: DIPLOMATIC CAREER</b></p> <p><b><u>Article 5: Diplomatic grades</u></b></p> <p>Diplomatic grades, in ascending order, are the following:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>1° Diplomatic Attaché;</li> <li>2° Third Secretary;</li> <li>3° Second Secretary;</li> <li>4° First Secretary;</li> <li>5° Second Counsellor;</li> <li>6° First Counsellor;</li> <li>7° Minister Counsellor;</li> <li>8° Ambassador.</li> </ul>	<p>propres et incapable de gagner sa vie.</p> <p><b>CHAPITRE II: CARRIÈRE DIPLOMATIQUE</b></p> <p><b><u>Article 5: Grades diplomatiques</u></b></p> <p>Les grades diplomatiques, par ordre ascendant, sont les suivants:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>1° Attaché Diplomatique;</li> <li>2° Troisième Secrétaire;</li> <li>3° Deuxième Secrétaire;</li> <li>4° Premier Secrétaire;</li> <li>5° Deuxième Conseiller;</li> <li>6° Premier Conseiller;</li> <li>7° Ministre Conseiller;</li> <li>8° Ambassadeur.</li> </ul>
--	--	---

<p><b><u>Ingingo ya 6: Iyubakwa ry’umwuga mu by’ububanyi n’amahanga</u></b></p> <p>Umwuga mu by’ububanyi n’amahanga wubakwa binyuze mu kuzamurwa mu ntera k’umukozi mu by’ububanyi n’amahanga.</p> <p><b><u>Ingingo ya 7: Uburyo bwo gushaka umukozi mu by’ububanyi n’amahanga</u></b></p> <p>Gushaka umukozi mu by’ububanyi n’amahanga bikorwa na Minisiteri kandi binyuze mu ipiganwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 8: Gushyira mu mwanya umukozi mu by’ububanyi n’amahanga</u></b></p> <p>Umukandida watsinze ikizamini ashirwa by’agateganyo mu mwanya yasabye, ku ntera ya <i>Attaché</i> muri Dipolomasi, ku cyicaro.</p> <p>Icyakora:</p> <p>1° umukandida watsinze ikizamini ashirwa mu mwanya yasabye kandi ashobora guhabwa intera iri hejuru y’iya <i>Attaché</i> muri Dipolomasi hitawe ku bumenyi n’uburambe afite;</p>	<p><b><u>Article 6: Diplomatic career building</u></b></p> <p>The diplomatic career is built through promotion, in diplomatic grades, of a diplomatic officer.</p> <p><b><u>Article 7: Modalities for recruitment of a diplomatic officer</u></b></p> <p>Recruitment of a diplomatic officer is conducted by the Ministry and through competition.</p> <p><b><u>Article 8: Appointment of a diplomatic officer</u></b></p> <p>A candidate who successfully passed an examination, is provisionally appointed on the job position he or she applied for and given a grade of Diplomatic Attaché, at the headquarters.</p> <p>However:</p> <p>1° a candidate who successfully passed an examination is appointed on the job position he or she applied for and may be given a higher grade than that of Diplomatic Attaché taking into account his or her qualification and experience;</p>	<p><b><u>Article 6: Construire la carrière diplomatique</u></b></p> <p>La carrière diplomatique se construit à travers la promotion en grades diplomatiques de l’agent diplomatique.</p> <p><b><u>Article 7: Modalités de recrutement d’un agent diplomatique</u></b></p> <p>Le recrutement d’un agent diplomatique est fait par le Ministère et par appel des candidatures.</p> <p><b><u>Article 8: Affectation d’un agent diplomatique</u></b></p> <p>Un candidat qui a réussi avec succès l’examen, est provisoirement affecté au poste d’emploi qu’il a demandé et est accordé le grade d’Attaché Diplomatique, au siège.</p> <p>Toutefois:</p> <p>1° un candidat qui passe avec succès l’examen est affecté au poste d’emploi qu’il a demandé et peut être accordé un grade supérieur à celui d’Attaché Diplomatique, compte tenu de sa qualification et son expérience;</p>
---	---	---

<p>2° umukozi wa Leta ukora hanze ya Minisiteri ashobora gushyirwa mu biro by'ububanyi n'amahanga kuri imwe mu ntera zivugwa mu ngingo ya 5 y'iri teka, keretse ku ntera ya Ambasaderi. Mu gihe cy'akazi ke, uwo mukozi afite uburenganzira bwo kuzamurwa mu ntera mparariki kugeza ku ntera ya Minisitiri Umujyanama. Iyo arangije akazi, asubira mu kigo yaturutsemo;</p> <p>3° umwenehugu ashobora gushyirwa mu biro by'ububanyi n'amahanga ku rwego rwa <i>Attaché</i>, rutari urwa <i>Attaché</i> muri Dipolomasi, kugira ngo akore imirimo yihariye ifitiye igihugu inyungu. Iyo arangije akazi, uwo mukozi asubira mu kigo yaturutsemo cyangwa agashyirwa mu wundi mwanya w'umurimo.</p> <p>Gushyirwa mu mwanya bikorwa mu nyandiko.</p> <p>Abakozi mu by'ububanyi n'amahanga bashakwa binyuze mu ipiganwa, bashyirwa mu mwanya na Minisitiri.</p>	<p>2° a public servant working outside the Ministry may be appointed to a diplomatic mission to one of the diplomatic grades mentioned in Article 5 of this Order, except the grade of Ambassador. During his or her service, the officer is entitled to vertical promotion up to the grade of Minister Counsellor. At the end of his or her service, the officer returns to the institution of origin;</p> <p>3° a citizen may be appointed to a diplomatic mission as <i>Attaché</i>, other than Diplomatic Attaché, to perform specific tasks of interest for the country. At the end of his or her service, the officer returns to the institution of origin or is appointed to another job position.</p> <p>Appointment is done in writing.</p> <p>Diplomatic officers recruited through competition, are appointed by the Minister.</p>	<p>2° un agent de l'Etat travaillant hors du Ministère peut être nommé en mission diplomatique à l'un des grades diplomatiques mentionnés à l'article 5 du présent arrêté, à l'exception du grade d'Ambassadeur. Au cours de son service, cet agent a droit à une promotion verticale jusqu'au grade de Ministre Conseiller. Au terme de son service, l'agent retourne à son institution d'origine;</p> <p>3° un citoyen peut être affecté dans une mission diplomatique comme Attaché, autre qu'Attaché Diplomatique, pour accomplir des tâches spécifiques dans l'intérêt du pays. Au terme de son service, l'agent retourne à son institution d'origine ou est affecté à un autre poste d'emploi.</p> <p>L'affectation se fait à l'écrit.</p> <p>Les agents diplomatiques recrutés par appel des candidatures, sont affectés par le Ministre.</p>
---	---	--

<p>Abakozi mu by'ububanyi n'amahanga bashakwa bitanyuze mu ipiganwa bashyirwa mu mwanya n'umuyobozi ubifitiye ububasha.</p>	<p>Diplomatic officers who are not recruited through competition, are appointed by the competent authority.</p>	<p>Les agents diplomatiques qui ne sont pas recrutés par appel des candidatures, sont affectés par l'autorité compétente.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 9:</u> Gushyira mu mwanya Ambasaderi muri Minisiteri</b></p>	<p><b><u>Article 9:</u> Appointment of an Ambassador to the Ministry</b></p>	<p><b><u>Article 9:</u> Affectation d'un Ambassadeur au Ministère</b></p>
<p>Umuyobozi ubifitiye ububasha ashobora gushyira mu mwanya Ambasaderi w'umwuga cyangwa utari uw'umwuga muri Minisiteri akamuha inshingano zihariye hatitawe ku mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ya Minisiteri.</p>	<p>The competent authority may appoint a career or non-career Ambassador to the Ministry and entrust the Ambassador with special assignments notwithstanding the organisational structure of the Ministry.</p>	<p>L'autorité compétente peut affecter un Ambassadeur de carrière ou hors carrière au Ministère et lui confier des attributions spécifiques nonobstant la structure organisationnelle du Ministère.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 10:</u> Amahugurwa y'ibanze y'umukozi mu by'ububanyi n'amahanga</b></p>	<p><b><u>Article 10:</u> Basic training of a diplomatic officer</b></p>	<p><b><u>Article 10:</u> Formation de base d'un agent diplomatique</b></p>
<p>Umukozi mu by'ububanyi n'amahanga washyizwe mu mwanya by'agateganyo, ahabwa amahugurwa y'ibanze amara igihe cy'amezi atandatu (6).</p>	<p>A diplomatic officer who is provisionally appointed, undergoes basic training lasting for a period of six (6) months.</p>	<p>Un agent diplomatique qui est provisoirement affecté, suit une formation de base faite pour une période de six (6) mois.</p>
<p>Icyakora, umukozi mu by'ububanyi n'amahanga washyizwe mu mwanya ku ntera iri hejuru y'iy'Umunyamabanga wa Kabiri ntahabwa amahugurwa y'ibanze.</p>	<p>However, a diplomatic officer who is appointed to a diplomatic grade higher than that of Second Secretary does not undergo a basic training.</p>	<p>Toutefois, un agent diplomatique qui est affecté au grade diplomatique supérieur à celui du Deuxième Secrétaire ne suit pas une formation de base.</p>
<p>Umukozi mu by'ububanyi n'amahanga usoje neza amahugurwa y'ibanze, yemezwa ku mwanya w'umurimo, mu nyandiko, na Minisitiri.</p>	<p>A diplomatic officer who successfully completes the basic training is confirmed to the job position, in writing, by the Minister.</p>	<p>Un agent diplomatique qui termine avec succès la formation de base est confirmé au poste de travail, à l'écrit, par le Ministre.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 11: Izamurwa mu ntera ry'umukozi mu by'ububanyi n'amahanga</u></b></p> <p>Umukozi mu by'ububanyi n'amahanga azamurwa mu ntera y'ingazi mpararika nyuma yo gutsinda isuzumabushobozi rishingiye ku mihigo, buri myaka ine (4) y'ingengo y'imari.</p> <p>Amanota ashingirwaho kugira ngo umukozi mu by'ububanyi n'amahanga azamurwe mu ntera y'ingazi mpararika ni amwe n'ashingirwaho mu kuzamurwa mu ntera y'ingazi ntambike ateganywa n'amategeko abigenga.</p> <p>Umukozi mu by'ububanyi n'amahanga ugeze ku ntera ya Ambasaderi azamurwa mu ntera y'ingazi ntambike hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p><b><u>Ingingo ya 12: Isimburana</u></b></p> <p>Umukozi mu by'ububanyi n'amahanga agira igihe akorera ku cyicaro n'igihe akorera mu biro by'ububanyi n'amahanga.</p> <p>Isimburana rikorwa nyuma y'imyaka ine (4) y'ingengo y'imari. Igihe cy'isimburana gishobora kugabanywa cyangwa kongerwa mu nyungu z'akazi.</p>	<p><b><u>Article 11: Promotion of a diplomatic officer</u></b></p> <p>A diplomatic officer is vertically promoted following a successful performance evaluation on the basis of the performance contract, every four (4) financial years.</p> <p>The score marks for the vertical promotion of a diplomatic officer is the same as for the horizontal promotion provided for by relevant laws.</p> <p>The diplomatic officer who has reached the grade of Ambassador is horizontally promoted in accordance with relevant laws.</p> <p><b><u>Article 12: Rotation</u></b></p> <p>The diplomatic officer serves alternatively at the headquarters and in a diplomatic mission.</p> <p>The rotation takes place after four (4) financial years. The rotation period may be reduced or extended in interest of service.</p>	<p><b><u>Article 11: Promotion d'un agent diplomatique</u></b></p> <p>Un agent diplomatique est verticalement promu après une évaluation de performance satisfaisante sur base du contrat de performance, chaque quatre (4) ans budgétaires.</p> <p>La note de performance pour la promotion verticale d'un agent diplomatique est la même que pour la promotion horizontale prévue par la législation en la matière.</p> <p>L'agent diplomatique qui a atteint le grade d'Ambassadeur bénéficie d'une promotion horizontale conformément à la législation en la matière.</p> <p><b><u>Article 12: Rotation</u></b></p> <p>Un agent diplomatique est affecté alternativement au siège et dans une mission diplomatique.</p> <p>La rotation se fait après quatre (4) ans budgétaires. La période de rotation peut être réduite ou prolongée dans l'intérêt du service.</p>
--	--	---

<p>Icyakora, umukozi mu by'ububanyi n'amahanga ntashobora kurenza imyaka umunani (8) y'ingengo y'imari yikurikiranya akorera ku cyicaro cyangwa mu biro by'ububanyi n'amahanga.</p> <p>Isimburana ritegurwa kandi rigatangazwa na Minisiteri nibura amezi atatu (3) mbere y'uko rishyirwa mu bikorwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 13: Guhamagaza umukozi mu by'ububanyi n'amahanga</u></b></p> <p>Umuyobozi ubifitiye ububasha ashobora guhamagaza umukozi mu by'ububanyi n'amahanga igihe icyo ari cyo cyose, ku mpamvu z'akazi.</p> <p>Umukozi mu by'ububanyi n'amahanga wahamagajwe ariko ntahite ashirwa mu mwanya w'umurimo akomeza kugengwa na Minisiteri no guhabwa umushahara n'ibindi agenerwa bingana n'ibihabwa umukozi mu by'ububanyi n'amahanga bahuje intera ukorera ku cyicaro, mu gihe kitarenze amezi atandatu (6). Icyakora, kwishyura umushahara n'ibindi agenerwa bihagarara iyo uwahamagajwe ashyizwe mu mwanya w'umurimo cyangwa abonye undi murimo.</p>	<p>However, a diplomatic officer may not serve more than eight (8) consecutive financial years at the headquarters or in a diplomatic mission.</p> <p>Rotation is scheduled and published by the Ministry at least three (3) months before its implementation.</p> <p><b><u>Article 13: Recall of a diplomatic officer</u></b></p> <p>The competent authority may recall a diplomatic officer, at any time, for service purposes.</p> <p>A recalled diplomatic officer who is not immediately placed in a job position remains at the disposal of the Ministry and he or she receives salary and fringe benefits equivalent to those allocated to a diplomatic officer of the same grade as his or hers, who works at the headquarters within six (6) months. However, the payment of salary and fringe benefits stops when a recalled diplomatic officer is placed in a job position or finds another job.</p>	<p>Un agent diplomatique ne peut pas travailler plus de huit (8) ans budgétaires consécutifs au Ministère ou dans une mission diplomatique.</p> <p>La rotation est programmée et publiée par le Ministère au moins trois (3) mois avant sa mise en application.</p> <p><b><u>Article 13: Rappel d'un agent diplomatique</u></b></p> <p>L'autorité compétente peut rappeler un agent diplomatique à tout moment, à des fins de service.</p> <p>Un agent diplomatique rappelé qui n'est pas immédiatement affecté à un poste d'emploi reste à la disposition du Ministère et reçoit un salaire et des avantages équivalents à ceux alloués à un agent diplomatique, de même grade que le sien, qui travaille au siège endéans six (6) mois. Toutefois, le paiement du salaire et des avantages cesse lorsqu'un agent diplomatique rappelé est affecté à un poste d'emploi ou trouve un autre emploi.</p>
--	---	--

<p>Iyo amezi atandatu (6) arangiye, umukozi mu by'ububanyi n'amahanga wahamagajwe adashyizwe mu mwanya w'umurimo, asezererwa mu kazi n'umuyobozi wamushyize mu mwanya.</p> <p><b><u>UMUTWE WA III: UBURENGANZIRA BW'UMUKOZI MU BY'UBUBANYI N'AMAHANGA</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 14: Umushahara</u></b></p> <p>Umukozi mu by'ububanyi n'amahanga agenerwa umushahara hakurikijwe intera ariho, hatitawe ku mwanya w'umurimo arimo haba ku cyicaro cyangwa mu biro by'ububanyi n'amahanga.</p> <p>Icyakora, umukozi mu by'ububanyi n'amahanga uri mu mwanya w'umurimo uri hejuru y'intera ariho, agenerwa umushahara hashingiwe ku mwanya w'umurimo ariho haba ku cyicaro cyangwa mu biro by'ububanyi n'amahanga.</p> <p><b><u>Ingingo ya 15: Amasaha y'akazi</u></b></p> <p>Amasaha y'akazi y'abakozi mu by'ububanyi n'amahanga bashyizwe mu biro by'ububanyi n'amahanga akurikiza ay'igihugu bakoreramo.</p>	<p>If, at the expiry of six (6) months, a recalled diplomatic officer is not placed in a job position, he or she is removed from office by the appointing authority.</p> <p><b><u>CHAPTER III: RIGHTS OF A DIPLOMATIC OFFICER</u></b></p> <p><b><u>Article 14: Salaries</u></b></p> <p>A diplomatic officer is entitled to a salary based on his or her grade, regardless of the job position he or she occupies at the headquarters or in a diplomatic mission.</p> <p>However, a diplomatic officer who occupies a higher job position than his or her grade, is entitled to a salary based on the job position he or she occupies at the headquarters or in a diplomatic mission.</p> <p><b><u>Article 15: Working hours</u></b></p> <p>Working hours for diplomatic officers appointed in diplomatic missions conform to those of the host country.</p>	<p>Si, à l'expiration d'une période de six (6) mois, un agent diplomatique rappelé n'est pas affecté à un poste d'emploi, il est démis de ses fonctions par l'autorité d'affectation.</p> <p><b><u>CHAPITRE III: DROITS D'UN AGENT DIPLOMATIQUE</u></b></p> <p><b><u>Article 14: Salaire</u></b></p> <p>Un agent diplomatique a droit au salaire correspondant à son grade, quelle que soit le poste d'emploi qu'il occupe au siège ou dans une mission diplomatique.</p> <p>Toutefois, un agent diplomatique qui occupe un poste d'emploi supérieur à son grade, a droit au salaire correspondant au poste d'emploi qu'il occupe au siège ou dans une mission diplomatique.</p> <p><b><u>Article 15: Heures de travail</u></b></p> <p>Les heures de travail des agents diplomatiques affectés aux missions diplomatiques sont conformes à celles du pays hôte.</p>
--	---	---



<p><b><u>Ingingo ya 16: Iminsi y'ikiruhuko rusange</u></b></p> <p>Iminsi y'ikiruhuko rusange ku bakozi mu by'ububanyi n'amahanga bakorera mu biro by'ububanyi n'amahanga ni iyashyizweho mu Rwanda n'iyashyizweho mu gihugu bakoreramo.</p> <p>Icyakora, iyo umunsi umwe w'ikiruhuko rusange uteganyijwe ku munsi utandukanye mu Rwanda no mu gihugu abakozi mu by'ububanyi n'amahanga bakoreramo, abo bakozi bafata icyo kiruhuko ku munsi uteganyijwe mu gihugu bakoreramo.</p>	<p><b><u>Article 16: Official public holidays</u></b></p> <p>Public holidays for diplomatic officers appointed in diplomatic missions are those established in Rwanda and in the host country.</p> <p>However, when a same public holiday is taken on different days in Rwanda and in the host country, diplomatic officers take the holiday on the day it is taken in the host country.</p>	<p><b><u>Article 16: Jours fériés officiels</u></b></p> <p>Les jours fériés officiels des agents diplomatiques affectés dans les missions diplomatiques sont ceux établis au Rwanda et dans le pays hôte.</p> <p>Toutefois, lorsque le même jour férié officiel tombe sur deux dates différentes au Rwanda et dans le pays hôte, les agents diplomatiques prennent congé à la date prévue dans le pays hôte.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 17: Ikiruhuko cy'umwaka</u></b></p> <p>Umukozi mu by'ububanyi n'amahanga washyizwe mu biro by'ububanyi n'amahanga afite uburenganzira ku kiruhuko cy'umwaka gihwanye n'iminsi mirongo itatu (30), afatira mu ifasi akoreramo, keretse ahawe uruhushya rwihariye. Iki kiruhuko gishobora kugabanywamo ibyiciro bitarenze bibiri (2).</p> <p>Ikiruhuko cy'umwaka cy'umuyobozi w'ibiro by'ububanyi n'amahanga gifatiwe mu ifasi ashinzwe gitangirwa uruhushya na Minisitiri, mu gihe igifatiwe hanze y'ifasi gitangirwa uruhushya na Perezida wa Repubulika, abisabwe na Minisitiri.</p>	<p><b><u>Article 17: Annual leave</u></b></p> <p>A diplomatic officer appointed in a diplomatic mission is entitled to an annual leave of thirty (30) days, which are taken within his or her area of jurisdiction, except special authorisation. The leave may be split into a maximum of two (2) portions.</p> <p>The annual leave of the head of diplomatic mission taken within his or her area of jurisdiction is authorised by the Minister, while that taken outside the area of jurisdiction is authorised by the President of the Republic, upon request by the Minister.</p>	<p><b><u>Article 17: Congé annuel</u></b></p> <p>Un agent diplomatique affecté dans une mission diplomatique a droit à un congé annuel de trente (30) jours qui doit être pris dans sa juridiction, sauf autorisation spéciale. Le congé peut être fractionné en deux (2) tranches maximum.</p> <p>Le congé annuel du chef de mission diplomatique pris dans sa juridiction est autorisé par le Ministre, tandis que celui pris en dehors de la juridiction est autorisé par le Président de la République, à la demande du Ministre.</p>

<p>Ikiruhuko cy'umwaka cy'abandi bakozi mu by'ububanyi n'amahanga gifatiwe mu ifasi bakoreramo gitangirwa uruhushya n'umuyobozi w'ibiro by'ububanyi n'amahanga, mu gihe igifatiwe hanze y'ifasi gitangirwa uruhushya na Minisitiri, abisabwe n'umuyobozi w'ibiro by'ububanyi n'amahanga.</p> <p><b><u>Ingingo ya 18:</u> Ikiruhuko ngarurambaraga</b></p> <p>Mu gihe cy'isimburana cyangwa nyuma y'imyaka ine (4), umukozi mu by'ububanyi n'amahanga washyizwe mu biro by'ububanyi n'amahanga ahabwa ikiruhuko ngarurambaraga gihemberwa cy'iminsi mirongo itatu (30), afatira mu Rwanda. Ikiruhuko ngarurambaraga gisimbura ikiruhuko cy'umwaka wa kane.</p> <p>Itike yo kugenda no kugaruka y'uwo mukozi n'iy'abantu ashinzwe, yishyurwa na Minisitiri.</p> <p><b><u>Ingingo ya 19:</u> Ikiruhuko cy'ingoboka</b></p> <p>Umukozi mu by'ububanyi n'amahanga ahabwa ikiruhuko cy'ingoboka ku buryo bukurikira:</p>	<p>The annual leave of other diplomatic officers taken within their area of jurisdiction is authorised by the head of diplomatic mission, while that taken outside the area of jurisdiction is authorised by the Minister, upon request by the head of diplomatic mission.</p> <p><b><u>Article 18:</u> Reconstitution leave</b></p> <p>At the time of rotation or after four (4) years, a diplomatic officer serving in a diplomatic mission is entitled to a paid reconstitution leave of thirty (30) days, taken in Rwanda. The reconstitution leave replaces the annual leave of the fourth year.</p> <p>The return ticket of the diplomatic officer and his or her dependents is taken in charge by the Ministry.</p> <p><b><u>Article 19:</u> Incidental leave</b></p> <p>The diplomatic officer is granted an incidental leave as follows:</p>	<p>Le congé annuel des autres agents diplomatiques pris dans leur juridiction est autorisé par le chef de mission diplomatique, tandis que celui pris en dehors de juridiction est autorisé par le Ministre à la demande du chef de mission diplomatique.</p> <p><b><u>Article 18:</u> Congé de reconstitution</b></p> <p>A chaque rotation ou après quatre (4) ans, un agent diplomatique affecté dans une mission diplomatique a droit à un congé de reconstitution payé de trente (30) jours au Rwanda. Le congé de reconstitution remplace le congé annuel de la quatrième année.</p> <p>Le billet aller-retour de l'agent diplomatique et de ses dépendants est pris en charge par le Ministère.</p> <p><b><u>Article 19:</u> Congé de circonstance</b></p> <p>L'agent diplomatique bénéficie d'un congé de circonstance comme suit:</p>
--	---	---

Official Gazette n° 43 of 04/11/2019

<p>1° iminsi ibiri (2) y'akazi iyo yashyingiwe imbere y'ubutegetsu, iyo ishyingirwa ribereye mu gihugu akoreramo;</p>	<p>1° two (2) working days in case of his or her civil marriage if the marriage takes place in the host country;</p>	<p>1° deux (2) jours ouvrables en cas de son mariage civil si le mariage a lieu dans le pays hôte;</p>
<p>2° iminsi icumi (10) y'akazi iyo yashyingiwe imbere y'ubutegetsu, iyo ishyingirwa ribereye mu kindi gihugu;</p>	<p>2° ten (10) working days in case of his or her civil marriage if the marriage takes place in another country;</p>	<p>2° dix (10) jours ouvrables en cas de son mariage civil si le mariage a lieu dans un autre pays;</p>
<p>3° iminsi ine (4) y'akazi iyo umugore we yabyaye akabyarira mu gihugu akoreramo;</p>	<p>3° four (4) working days in case his wife gives birth in the host country;</p>	<p>3° quatre (4) jours ouvrables en cas d'accouchement de son épouse dans le pays hôte;</p>
<p>4° iminsi icumi (10) y'akazi iyo umugore we yabyaye akabyarira mu kindi gihugu;</p>	<p>4° ten (10) working days in case his wife gives birth in another country;</p>	<p>4° dix (10) jours ouvrables en cas d'accouchement de son épouse dans un autre pays;</p>
<p>5° iminsi icumi (10) y'akazi iyo uwo bashakanye yapfuye;</p>	<p>5° ten (10) working days in case of death of his or her spouse;</p>	<p>5° dix (10) jours ouvrables en cas de décès de son conjoint;</p>
<p>6° iminsi icumi (10) y'akazi iyo se cyangwa nyina yapfuye;</p>	<p>6° ten (10) working days in case of death of his or her father or mother;</p>	<p>6° dix (10) jours ouvrables en cas de décès de son père ou sa mère;</p>
<p>7° iminsi icumi (10) y'akazi iyo umwana we, uwo yemeye cyangwa uwo abereye umubyeyi ataramubyaye yapfuye;</p>	<p>7° ten (10) working days in case of death of his or her legitimate, legally recognised or adoptive child;</p>	<p>7° dix (10) jours ouvrables en cas de décès de son enfant légitime, reconnu ou adoptif;</p>
<p>8° iminsi icumi (10) y'akazi iyo umuvandimwe we bavukana yapfuye;</p>	<p>8° ten (10) working days in case of death of his or her brother or sister;</p>	<p>8° dix (10) jours ouvrables en cas de décès de son frère ou sa sœur;</p>

<p>9° iminsi icumi (10) y'akazi iyo sebukwe cyangwa nyirabukwe yapfuye.</p> <p><b>UMUTWE WA IV: UBUTUMWA BW'AKAZI BW'UMUKOZI MU BY'UBUBANYI N'AMAHANGA WASHYIZWE MU BIRO BY'UBUBANYI N'AMAHANGA</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 20:</u></b> Isabwa ry'uruhushya rw'ubutumwa bw'akazi</p> <p>Umukozi mu by'ububanyi n'amahanga washyizwe mu biro by'ububanyi n'amahanga, ugiye mu butumwa bw'akazi hanze y'ifasi akoreramo abisabira uruhushya, hakurikijwe ibiteganywa n'Iteka rya Perezida rigenga ubutumwa bw'akazi mu mahanga.</p> <p>Umuyobozi w'ibiro by'ububanyi n'amahanga ugiye mu butumwa bw'akazi mu kindi gihugu kiri mu ifasi ashinzwe, abisabira uruhushya kuri Minisitiri. Iyo agiye mu butumwa bw'akazi mu gihugu akoreramo agakenera kurara hanze y'aho atuye, agomba kubimenyesha Minisitiri igihe kitaragera.</p>	<p>9° ten (10) working days in case of death of his or her father-in-law or mother-in-law.</p> <p><b>CHAPTER IV: OFFICIAL MISSIONS FOR DIPLOMATIC OFFICERS APPOINTED IN A DIPLOMATIC MISSION</b></p> <p><b><u>Article 20:</u></b> Application for authorisation for official mission</p> <p>A diplomatic officer, appointed in a diplomatic mission, who travels outside his or her area of jurisdiction for official mission, requests for an authorisation, in accordance with the Presidential Order regulating official missions abroad.</p> <p>The head of diplomatic mission who travels in another country of his or her jurisdiction for official mission requests for the authorisation from the Minister. In case of travel for official mission within the host country that requires spending the night outside his or her residence, the head of diplomatic mission must inform the Minister in advance.</p>	<p>9° dix (10) jours ouvrables en cas de décès de son beau-père ou sa belle-mère.</p> <p><b>CHAPITRE IV: MISSIONS OFFICIELLES DES AGENTS DIPLOMATIQUES AFFECTÉS DANS UNE MISSION DIPLOMATIQUE</b></p> <p><b><u>Article 20:</u></b> Demande d'autorisation de mission officielle</p> <p>Un agent diplomatique affecté dans une mission diplomatique qui se rend en mission officielle en dehors de sa juridiction, en demande l'autorisation, conformément à l'arrêté présidentiel portant réglementation des missions officielles à l'étranger.</p> <p>Le chef de mission diplomatique qui rend en mission officielle dans un autre pays de sa juridiction demande l'autorisation au Ministre. En cas de mission officielle à l'intérieur du pays hôte qui nécessite de passer la nuit en dehors de sa résidence, le chef de mission diplomatique doit en informer préalablement le Ministre.</p>
---	---	---

<p>Abandi bakozi mu by'ububanyi n'amahanga bagiye mu butumwa bw'akazi mu ifasi bakoreramo babanza kubisabira uruhushya ku muyobozi w'ibiro by'ububanyi n'amahanga.</p> <p><b><u>Ingingo ya 21: Ibyicaró mu ndege</u></b></p> <p>Ibyicaró mu ndege by'abakozi mu by'ububanyi n'amahanga bashyizwe mu biro by'ububanyi n'amahanga, bagiye mu butumwa bw'akazi, bigenwa n'Iteka rya Perezida rigenga ubutumwa bw'akazi mu mahanga.</p> <p>Icyakora, umuyobozi w'ibiro by'ububanyi n'amahanga agendera buri gihe mu cyicaró cyo mu rwego rwa kabiri ku mpamvu zikurikira:</p> <p>1° iyo umuyobozi w'ibiro by'ububanyi n'amahanga agiye gutangira akazi cyangwa acyuye igihe;</p> <p>2° iyo umuyobozi w'ibiro by'ububanyi n'amahanga agiye mu kindi gihugu kiri mu ifasi ashinzwe gutanga impapuro zimuhesha uburenganzira bwo gutangira akazi. Iyo igihugu azakoreramo cyemera ko uwo bashakanye aba ahari, nawe agendera mu cyicaró cyo mu rwego rwa kabiri;</p>	<p>Other diplomatic officers who travel within their area of jurisdiction for official mission request for prior authorisation from the head of diplomatic mission.</p> <p><b><u>Article 21: Travel aviation classes</u></b></p> <p>Travel aviation classes of diplomatic officers appointed in diplomatic missions, who travels for official mission, are governed by the Presidential Order regulating official missions abroad.</p> <p>However, the head of diplomatic mission always travels in business class in the following cases:</p> <p>1° when the head of diplomatic mission commences or ends his or her tour of duty;</p> <p>2° when the head of diplomatic mission travels to another country of his or her jurisdiction to present his or her letters of credence. If the host country allows the presence of the spouse, he or she also travels in business class;</p>	<p>Les autres agents diplomatiques qui se rendent en mission officielle dans leur juridiction en demandent l'autorisation préalable au chef de mission diplomatique.</p> <p><b><u>Article 21: Classes de voyage en avion</u></b></p> <p>Les classes de voyage en avion des agents diplomatiques affectés dans des missions diplomatiques qui se rendent en mission officielle sont régies par l'arrêté présidentiel portant réglementation des missions officielles à l'étranger.</p> <p>Cependant, le chef de mission diplomatique voyage toujours en classe affaires dans les cas suivants:</p> <p>1° lorsque le chef de mission diplomatique rejoint son poste pour la première fois ou termine son mandat;</p> <p>2° lorsque le chef de mission diplomatique se rend dans un autre pays de sa juridiction pour présenter ses lettres de créances. Si le pays hôte permet la présence du conjoint, il voyage également en classe affaires;</p>
---	---	---

<p>iyo umuyobozi w'ibiro by'ububanyi n'amahanga yoherejwe mu kindi gihugu gutanga ubutumwa bwihariye bwa Perezida wa Repubulika kuri mugenzi we.</p> <p>Uwashakanye n'umuyobozi w'ibiro by'ububanyi n'amahanga, abana be, abo yemeye cyangwa abo abereye umubyeyi atarababyaye bari muni y'imyaka cumi n'ibiri (12) y'amavuko n'abana be bafite ubumuga kandi bakeneye kwitabwaho by'umwihariko bagendera mu cyicaro cyo mu rwego rwa kabiri iyo bari kumwe n'umuyobozi w'ibiro by'ububanyi n'amahanga agiye gutangira akazi cyangwa acyuye igihe. Abandi ashinzwe bagendera mu cyicaro cyo ku rwego rwa gatatu.</p> <p><b>UMUTWE WA V: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 22:</u> Ibidateganyijwe muri iri teka</b></p> <p>Ibidateganyijwe muri iri teka bigengwa n'itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'andi mategeko akurikizwa mu Rwanda.</p>	<p>3° when the head of diplomatic mission is sent to another country to present a special message of the President of the Republic to his or her counterpart.</p> <p>The spouse of the head of diplomatic mission, his or her legitimate, legally recognised or adoptive children under twelve (12) years old and disabled legitimate, legally recognised or adoptive children who need special attention also travel in business class when they are travelling with the head of diplomatic mission who commences or ends his or her tour of duty. Other dependents travel in economy class.</p> <p><b>CHAPTER V: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</b></p> <p><b><u>Article 22:</u> Matters not provided for under this Order</b></p> <p>Matters not provided for under this Order are governed by the law establishing the general statutes for public service and other laws in force in Rwanda.</p>	<p>3° lorsque le chef de mission diplomatique est envoyé dans un autre pays pour présenter un message spécial du Président de la République à son homologue.</p> <p>Le conjoint du chef de mission diplomatique ses enfants légitimes, reconnus ou adoptifs de moins de douze (12) ans et ses enfants handicapés qui ont besoin d'une attention particulière voyagent également en classe affaires lorsqu'ils sont avec le chef de mission diplomatique qui rejoint son poste pour la première fois ou termine son mandat. Les autres personnes à sa charge voyagent en classe économique.</p> <p><b>CHAPITRE V: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES</b></p> <p><b><u>Article 22:</u> Matières non prévues par le présent arrêté</b></p> <p>Les matières non prévues par le présent arrêté sont régies par la loi portant statut général de la fonction publique ainsi que d'autres législations en vigueur au Rwanda.</p>
--	--	---

<p><b><u>Ingingo ya 23:</u> Intera n’isimburana by’abakozi mu by’ububanyi n’amahanga ku munsu iri teka ritangiye gukurikizwa</b></p> <p>Intera z’abakozi mu by’ububanyi n’amahanga bakora muri Minisitiri ku munsu iri teka ritangiye gukurikizwa zigenwa hashingiwe ku mwanya w’umurimo barimo no ku burambe bafite umunsu iri teka ritangiye gukurikizwa.</p> <p>Igihe cy’isimburana ry’abakozi mu by’ububanyi n’amahanga bashyizwe mu biro by’ububanyi n’amahanga, kivugwa mu ngingo ya 12 y’iri teka, kibarwa guhera ku munsu bashyizwe muri uwo mwanya.</p>	<p><b><u>Article 23:</u> Grades and rotation of diplomatic officers on the commencement date of this Order</b></p> <p>The grades of diplomatic officers working in the Ministry on the commencement date of this Order are determined on the basis of the job position they occupy and their experience on the commencement date of this Order.</p> <p>The period for the rotation of diplomatic officers appointed in diplomatic missions, referred to in article 12 of this Order, is calculated from the date of their appointment.</p>	<p><b><u>Article 23:</u> Grades et rotation des agents diplomatiques le jour de l’entrée en vigueur du présent arrêté</b></p> <p>Les grades des agents diplomatiques qui travaillent au Ministère le jour de l’entrée en vigueur du présent arrêté sont déterminés sur base du poste d’emploi qu’ils occupent et sur leur expérience au jour d’entrée en vigueur du présent arrêté.</p> <p>La période pour la rotation des agents diplomatiques affectés dans des missions diplomatiques visée à l’article 12 du présent arrêté, est calculée à partir du jour de leur affectation.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 24:</u> Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</b></p> <p>Minisitiri w’Intebe, Minisitiri w’Ububanyi n’Amahanga n’Ubutwerekane, Minisitiri w’Abakozi ba Leta n’Umurimo na Minisitiri w’Imari n’Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.</p>	<p><b><u>Article 24:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order</b></p> <p>The Prime Minister, the Minister of Foreign Affairs and International Cooperation, the Minister of Public Service and Labour and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.</p>	<p><b><u>Article 24:</u> Autorités chargées de l’exécution du présent arrêté</b></p> <p>Le Premier Ministre, le Ministre des Affaires Étrangères et de la Coopération Internationale, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l’exécution du présent arrêté.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 25:</u> Ivanwaho ry’ingingo zinyuranyije n’iri teka</b></p> <p>Ingingo zose z’amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.</p>	<p><b><u>Article 25:</u> Repealing provision</b></p> <p>All prior provisions contrary to this Order are repealed.</p>	<p><b><u>Article 25:</u> Disposition abrogatoire</b></p> <p>Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.</p>

Official Gazette n° 43 of 04/11/2019

<p><b><u>Ingingo ya 26: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</u></b></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 26: Commencement</u></b></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 26: Entrée en vigueur</u></b></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
<p>Kigali, ku wa 01/11/2019</p> <p>(sé) <b>KAGAME Paul</b> Perezida wa Repubulika</p>	<p>Kigali, on 01/11/2019</p> <p>(sé) <b>KAGAME Paul</b> President of the Republic</p>	<p>Kigali, le 01/11/2019</p> <p>(sé) <b>KAGAME Paul</b> Président de la République</p>
<p>(sé) <b>Dr NGIRENTE Edouard</b> Minisitiri w'Intebe</p>	<p>(sé) <b>Dr NGIRENTE Edouard</b> Prime Minister</p>	<p>(sé) <b>Dr NGIRENTE Edouard</b> Premier Ministre</p>
<p><b>Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:</b></p> <p>(sé) <b>BUSINGYE Johnston</b> Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta</p>	<p><b>Seen and sealed with the Seal of the Republic:</b></p> <p>(sé) <b>BUSINGYE Johnston</b> Minister of Justice/Attorney General</p>	<p><b>Vu et scellé du Sceau de la République:</b></p> <p>(sé) <b>BUSINGYE Johnston</b> Ministre de la Justice/Garde des Sceaux</p>